**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URWEGO RW'UMUVUNYI**

Kigali, 30 JUN 2017

N° 05/1665/06-17/MB

# ITANGAZO

Urwego rw'Umuvunyi ruramenyesha abaturarwanda ko hari abatekamutwe biyitirira Urwego rw'Umuvunyi.

Abo batekamutwe bahamagara abaturage bafite amadosiye ku Rwego rw'Umuvunyi bakabasaba kuboherereza amafaranga kuri mobile money, tigo cash cyangwa airtel money kugirango babakemurire ibibazo neza. Abandi bavuga ko ari abavoka bakabwira abaturage ko babakurikiranira amadosiye, kandi ko hari amafaranga bagomba guha abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi kugirango babakemurire ibibazo. Ibi bigaragara cyane ku bafite amadosiye asaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane.

Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abantu bose kwirinda bene abo batekamutwe n'undi wese wasaba amafaranga avuga ko ayashyiriye umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi. Rurasaba kandi umuntu wese waba yaravuganye nabo cyangwa uwo bazagerageza gushuka kuri ubwo buryo, guhita abimenyesha Umuvugizi warwo kuri telephone 0785647412 cyangwa Polisi y'Igihugu, kugira ngo bakurikiranwe.

Urwego rw'Umuvunyi ruboneyeho kubamenyesha ko rukoresha nomero zikurikira:

| *NOMERO ZA TELEPHONE ZIGENDANWA* |
|---|
| 0785647416 |
| 0785647413 |
| 0785647412 |
| 0785647405<br>0785647406 |
| 0785647411 |
| 0785647398<br>0785647397 |
| 0785647396<br>0785647394 |
| 0785647393 |
| 0785647392<br>0785647391 |
| 0785647389 |
| 0785647387 |

Uwahamagazwa inomero itari imwe muri izi, yabimenyesha umuvugizi w'Urwego rw'Umuvunyi kuri nomero ye yavuzwe haruguru.

Bikorewe i Kigali, ku wa 29 Kamena 2017.

**GASHUMBA Jeanne Pauline**

**Umunyamabanga Uhoraho w'Umusigire**